اتحاد علماء افريقيا
UNION OF AFRICAN MUSLIM SCHOLLARS
UNION DES ULEMAS D'AFRIQUE

# نواقض الإسلام

**سماحة الشيخ عبد اللّه بن عبد العزيز بن باز** رحمه الله

قام بترجمته إلى لغة الزولو

**الشيخ عادل جعفر مولتشيو**

# IBYANGIZA ISLAMU

ILOTSHWE YINZULULWAZI U:

***ABDULAZIZI bin ABDULA bin BAZI***

YAHUNYUSHWA NGESIZULU NGU:

***ADIL MLOTSHWA***

طبع على نفقة وصية خولة دخيل الجسار رحمها الله (دولة الكويت) بإشراف اتحاد علماء إفريقيا

**IXHASWE NGUWASIYA KGAWLA DAGKILI AL-JASARI – (U ALLAH ABE NOMUSA KUYE) – WASEKUWAYITI NGAPHANSI KWESO LESIGUNGU SEZINZULULWAZI ZASE AFRIKA**

2016/1437

Ikuzo n'ishimwe bikwiye Imana , Amahoro n'imigisha bisakare ku muhererezi mu ntumwa, n'abo mu muryango we n'abasangirangendo be n'abayobotse umuyoboro we.

Nyuma y'ibyo, Muyisilamu menya ko Imana nyir'ubutagatifu yategetse abagaragu bose kuba abagandukiramana, no gushikama ku buyisilamu ndetse no kwirinda kunyuranya na islamu , Imana yohereza intumwa yayo Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) kugirango ihamagarire kuyoboka islamu, Imana yavuze ko uzakurikira Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) uwo azaba ayobotse, kandi uzirengagiza ubutumwa bw'Intumwa Muhammadi (Imana imuhe amahoro n'imigisha ) uwo azaba yayobye.

Imana yagiye iburira mu mirongo myinshi ya Qorani impamvu zatuma umuntu ata idini akarivamo, igaragaza n'amwe mu moko y'ibangikanyamana n'ubuhakanyi.

Abamenyi b'idini ( Imana ibagirire impuhwe ) bavuze ku bijyanye n'umuryango uvuga ku itegeko rya wa wundi uvuye mu idini akarivamo ko umuyislamu ashobora kuva mu idini rye bitewe n'uburyo bwinshi mu byangiza islamu bituma amaraso n'umutungo bye bizirurwa bikaba impamvu yo kuba atakiri umuyisilamu.

Bimwe mu bikomeye ndetse abenshi bashobora kugwamo bigatuma byakwangiza islamu bigera ku icumi byavuzwe na Sheikh Imamu Muhammadi mwene Abdul Wahab n'abandi mu bamenyi ( Imana ibagirire impuhwe bose )

Tugiye kubibabwira mu ncamake kugirango ubyirinde unabirinde abandi , Mu kwiringira ko byaba amahoro binasobanurwa mu ncamake .

**<u>ICYA MBERE</u>**: Kubangikanya Imana mu masengesho

Imana Nyir'ubutagatifu iravuga iti: **(( MU BYUKURI IMANA NTIBABARIRA ICYAHA CYO KUYIBANGIKANYA AHUBWO IBABARIRA IBITARI CYO KUWO ISHATSE[1].))**

Imana Nyir'ubutagatifu iravuga iti : **(( MU BYUKURI WA WUNDI UBANGIKANYIJE IMANA UWO IMANA YAMUZIRIRIJE KWINJIRA MU IJURU KANDI ICYICARO CYE NI MU MURIRO KANDI ABIHUGUJE NTIBAZABONA ABAZABAROKORA[2]. ))**

No mu bigaragaza ibangikanyamana harimo ubusabe ku bapfuye no kubasaba ubutabazi no kubagambirira no kubabagira.

**<u>ICYA KABIRI</u>** : Uwagize hagati ye n'Imana umuhuza asaba , akaba yanabasaba gutakambirirwa akabiringira uwo aba ahakanye nkuko byemeranyijwe n'abamenyi bakabihurizaho.

---

[1] Qoran igice cya 4 umurongo wa 116
[2] Qoran igice cya 5 umurongo wa 72

**ICYA GATATU** : Wa wundi utemera ubuhakanyi bw'ababangikanyamana cyangwa akagira ugushidikanya mu buhakanyi bwabo cyangwa akaba yakwemeza ko inzira bariho ari ukuri uwo aba yahakanye.

**ICYA KANE** : Uwizeye ko umuyoboro wundi utari umuyoboro w'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) ko wuzuye cyangwa se ko itegeko ry'undi ari ryiza kurusha itegeko ry'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) nka babandi barutisha itegeko rya Shitani bakarirutisha itegeko ry'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) uwo aba ari umuhakanyi.

**ICYA GATANU** : Utazishimira ubutumwa bwazanywe n'Intumwa y'Imana Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) kabone n'iyo byaba mu bikorwa aba ahakanye.

Kubera imvugo y'Imana igira iti : **(( KUBERA KO BANZE BAHAKANA IBYO IMANA YAHISHUYE IBIKORWA BYABO IBIGIRA IMPFABUSA[3].))**

**ICYA GATANDATU :** Ukerensa bimwe mu byazanywe n'Intumwa Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) cyangwa se ibihembo byabyo n'ibihano uwo aba ahakanye.

Gihamya y'ibyo ni imvugo y'Imana aho igira iti : **(( VUGA UTI ESE IBY'IMANA N'IBIMENYETSO BYAYO N'INTUMWA YAYO NIBYO MWAJYAGA MUKERENSA ! NTA GUSABA IMBABAZI KUKO MWAMAZE GUHAKANA NYUMA YO KWEMERA KWANYU[4]. ))**

**ICYA KARINDWI :** Uburozi, Uzaroga cyangwa se akabyishimira uwo aba ahakanye.

Gihamya ni imvugo y'Imana : **(( NTABWO BIGISHAGA UBWO BUROZI UWO ARIWE WESE KUGEZA UBWO BAVUGAGA BATI MU BYUKURI TURI IKIGERAGEZO , NTUHAKANE[5]. ))**

**ICYA MUNANI :** Gushyigikira no gufasha ababangikanyamana ku bayisilamu.

Gihamya ni imvugo y'Imana aho igira iti : **(( UZABAGIRA INSHUTI MURI MWE UWO AZABA ARI MURIBO MUBYUKURI IMANA NTIYOBORA ABANYAMAHUGU[6] .))**

**ICYA CYENDA :** Uzizera ko bamwe mu bantu byamushobokera kwitandukanya n'amahame y'idini twagejejweho n'Intumwa y'Imana

[3] Qoran igice cya 47 umurongo wa 9
[4] Qoran igice cya 9 umurongo wa 65 - 66
[5] Qoran igice cya 2 umurongo wa 102
[6] Qoran igice cya 5 umurongo wa 51

Muhammadi ( Imana imuhe amahoro n'imigisha ) uwo aba ari umuhakanyi.

Kubera imvugo y'Imana aho igira iti : **(( UZAKURIKIRA INDI NZIRA ITARI IYA ISLAMU NTABWO AZAKIRIRWA KANDI AKAZABA MU BANYAGIHOMBO KU MUNSI W'IMPERUKA AKAZABA MU BANYAGIHOMBO[7]. ))**

**ICYA CUMI** : Kwirengagiza no gutera umugongo idini y'Imana ntayige ntanakore n'ibijyanye na yo.

Gihamya ni imvugo y'Imana aho igira iti : **(( NI NDE WABA UMUNYAMAHUGU KURUSHA WA WUNDI WIBUTSWA IBIMENYETSO BY'IMANA NYUMA AKIRENGAGIZA AKANABITERA UMUGONGO , MU BYUKURI INKOZI Z'IBIBI TUZAZIHANA[8] .))**

Nta tandukaniro riri hagati y' ibi byangiza islamu kuba hari icyaba cyoroshye cyangwa gikomeye n'igiteye ubwoba keretse ubihatirijwe.

Kandi byose ni ibyo kwitonderwa kandi abantu benshi bashobora kugwamo, bityo ku muyisilamu akwiye kubyirinda akabitinya , Twikinze ku Mana ngo aturinde uburakari bwe n'ibihano bye bibabaza, Amahoro n'imigisha by'Imana bisakare ku kiremwa cye cyiza n'umuryango we n'abasangirangendo be. ( Amagambo ye ararangiye.) (Imana imugirire impuhwe. )

Mu gice cya kane hinjiramo ko uwizera ko gahunda n'amategeko ashyirwaho n'abantu ariyo meza kurusha amategeko ya Islamu cyangwa se ko areshya cyangwa se ko byemewe kuyifashisha mu gukemura impaka n'ubwo yakwizera ko gutegekesha amategeko ya Islamu aribyo byiza kandi ko gahunda ya Islamu ntikwiye gushyirwa mu bikorwa mu kinyejana cya makumyabiri, cyangwa se akaba impamvu yo gutandukana kw'abayisilamu , cyangwa se ko yibanda cyane ku mubano w'umuntu na Nyagasani we atitaye ku bundi buzima .

Na none mu gice cya kane hinjiramo ko kuri na wa wundi ubona ko kubahiriza no gushyira mu bikorwa itegeko ry'Imana ryo guca akaboko umujura cyangwa se gutera amabuye umusambanyi washatse akabona ko iryo tegeko ritagendanye n'igihe.

hakinjiramo na none ko uwo ariwe wese wizera ko byemewe kuba yategekesha amategeko y'Imana mu mikoranire hagati y'abandi cyangwa se mu mbibi ntarengwa z'idini n'ibindi , Kandi atizeye ko biruta gutegekesha amategeko y'Imana icyo gihe aba aziruye ibyo

[7] Qoran igice cya 3 umurongo wa 85
[8] Qoran igice cya 32 umurongo wa 22

Imana yaziririje kandi uwo ariwe wese uziruye ibyo Imana yaziririrje kuri bya bindi bizwi mu idini ko byakorwa ari amaburakindi nk'ubusambanyi , inzoga , inyungu zirenze no gutegekesha andi mategeko atari aya Qoran icyo gihe aba ari umuhakanyi nk'uko byahurijweho n'abamenyi b'idini ya Islamu.

Turasaba Imana ko yadutunganyiriza twese ibyo yishimiye kandi akanatuyobora n'abayisilamu bose inzira ye igororotse , ni we wumva ari hafi, Amahoro n'imigisha by'Imana bisakare ku ntumwa yacu Muhammadi n'umuryango we n'abasangirangendo be.

**CYAHINDUWE MU KINYARWANDA**
**NA**
**SHEIKH HAKIZIMANA HASSAN**
**IMAMU W'UMUSIGITI WA AL FAT'H ( ONATRACOM )**

KIGALI / RWANDA